

AMABWIRIZA YIHUTIRWA YEREKEYE COVID-19 AKURIKIZWA MURI MIOSHA



Ayo mabwiriza ashiraho ingamba zo kwirinda ku kazi mu bikorwa byose by'ubucuruzi n'ibisabwa byihariye ku by'iciro by'imirimo, harimo inganda zikora ibintu, ubwubatsi, ubucuruzi bwo kudandaza, urwego rw'ubuzima, ahakinirwa imikino n'ahakorera imyitozo na za resitora n'utubari. Ayo mabwiriza azatangira gukurikizwa ku wa 14 Ukwakira kandi azakomeza kubahirizwa mu gihe cy'amezi atandatu.

IBISABWA KU MUKOresha



Gushyiraho ibigenderwaho mu kwemeza ibyago byo kwandura ku Bakazi

- Umukoresha agomba gukora isuzuma ku bikorwa bya buri muni n'imirimo iteganyijwe kugira ngo hemezwe ibyago byo kwandura COVID-19 ku mukozi.
- Umukoresha agomba gushyira akazi muri ibi byiciro by'ibyago byo kwandura:
 - o **Ibyago bike byo kwandura** – ntagombera guhura n'abandi bantu cyangwa abakazi.
 - o **Ibyago biringaniye byo kwandura** – Asabwa guhura kenshi na/cyangwa guhura bya hafi (urugero muri metero ebyiri) n'abantu bashobora kuba baranduye SARS-CoV-2, ariko batazwiho cyangwa badakewaho kuba barwaye COVID-19. Abakazi bo muri iki kiciro bahura n'abandi bantu ndetse n'abo bakorana.
 - o **Ibyago byinshi byo kwandura** – Ibyago byinshi byo kwandura biturutse ku bantu bizwi ko bakwanduzaga COVID-19, abo barimo abakazi bo mu nzego z'ubuzima, abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abakazi bo ku mavuriro yo mu ngo, abakora umurimo wo gutwara kwa muganga cyangwa abakazi bo mu buruhukiro.
 - o **Ibyago byinshi cyane byo kwandura** – ibyago byinshi by'uko bishoboka kwandura biturutse ku bantu bazwi cyangwa bakekwa ko bakwanduzaga COVID-19 mu bihe byihariye byo kuvurwa, gupima umurambo cyangwa ifatwa ry'ibizami mu isuzumiro. Abakazi bo muri iki kiciro barimo abo mu nzego z'ubuzima, abavura indwara z'amenyo n'abakora mu buruhukiro bakora imirimo ishobora gutuma habaho mikorobe zigendera mu mwuka.



Gushyiraho uburyo bwo Kwitegurira kwikingira n'uko bakwitwara kuri COVID-19

- Umukoresha agomba gutegura no gushyiraho gahunda y'amabwiriza yanditse yo kurinda umukozi kuba yakwandura COVID-19.
- Iyo gahunda igomba kubamo uburyo bwo kwemeza ibyago byo kwandura no gusobanura ingamba umukoresha azashyiraho mu kugabanya ibyago byo kwandura ku mukozi, harimo ibijanyanye na:
 - o **Ingamba z'ubwirinzi ku bikoresho** – ibitangira biri hagati y'umukozi n'ibyago byo kwandura virusi.
 - o **Ingamba z'ubwirinzi zo mu rwego rw'ubuyobozi** – amabwiriza, uburyo bw'imikorere n'imigenzereze nka gahunda y'akazi aho abakazi bakora mu byiciro, gukorera mu ngo no kongera ingamba zo guhana intera.

- o **Kugira isuku y'intoki no gutera imiti yica mikorobe ahantu hatandukanye** – Guhora hakorwa isuku no gutera imiti ahantu hatandukanye no ku bikoresho.
- o **Ibikoresho n'imyambaro y'ubwirinzi** – abakozi bahura kenshi cyangwa bahura bya hafi n'abazwi cyangwa bakekwa ko banduye COVID-19 igihe kirekire bagomba guhabwa kandi bakambara, byibuze agapfukamunwa ka N95.
- o **Kugenzura imiterere y'Ubuzima** – amabwiriza yo gusuzuma kugira ngo hamenyekane abazwi cyangwa bakekwa ko banduye COVID-19 mbere yo gusimbuzurwa ku kazi, abakozi bagomba kuvuga ibimenyetso babonye bya COVID-19.
- o **Amahugurwa** – abakoresha bagomba gutanga amahugurwa yo kwirinda kwandura COVID-19 ku bakozi babo, harimo uburyo bwo kuvuga ibimenyetso bya COVID-19 babonye.



Gushyiraho amabwiriza y'imikorere ku kazi

- Kugaragaza umuhuzabikorwa w'ibijyanye na COVID-19 ku kazi.
- Gusuzuma no kuvugurura amabwiriza nk'ayo gukorera mu ngo.
- Kwemeza ikoresha ry'udupfukamunwa uko bikenewe.
- Guhugura abakozi ku mabwiriza y'imikorere mashya n'ingamba.
- Ibikorwa byo gupima imiterere y'ubuzima bw'umukozi – mbere yo gutangira akazi.



Amabwiriza ngengamikorere yo ku kazi - Gusukura

- Umukoresha agomba gusukura buri munsu no gutera imiti yica mikorobe ahantu hose nko mu biro, ahahurirwa n'abantu, ubwiherero, ibikoresho by'ikoranabuhanga bya rusange n'ahakunze gukorwaho.
- Igihe umukozi urwaye aketsweho cyangwa byemejwe ko yanduye COVID-19, kora isukura no gutera imiti yica za mikorobe byimbitse.



Amabwiriza ngengamikorere yo ku kazi - Abakozi barwaye

- Asaba abakozi kubimenyesha igihe bahawe ibisubizo by'uko banduye cyangwa bari kugaragaza ibimenyetso bya COVID-19.
- Asaba abakozi kwishyira mu kato. Abakozi bagomba kubimenyesha ababakuriye kandi bakaguma mu rugo. Ntukemerere abakozi kugaruka kugeza igihe bujuriye ibisabwa n'amabwiriza yo kwishyira mu kato ko mu rugo (Kurikiza amabwiriza ya CDC "Ikigo gishinzwe kurwanya no gukumira ikwirakwira ry'Indwara") kandi umenyeshe abandi bakozi ibyago bishoboka byo kwandurira ku kazi (Kubahiriza itegeko rirengerera Abafite Ubumuga 'ADA' – kugira ibanga).



Guhugura umukozi

- Amahugurwa agomba kuba akubiyemo amabwiriza n'ingamba ngengamikorere bishya nk'uburyo bwo gusuzuma, imirimo ikorerwa mu rugo n'amabwiriza yo kwitabira ku kazi areba umukozi. Kora ku buryo ubahugura ku ngamba zo kwirinda nko ku bisabwa ku bikoresho n'imyambaro by'ubwirinzi (PPE) no gusukura aho bakorera.



Ibisabwa byihariye ku nzego z'imirimo

- Umukoresha w'ikigo cy'ubucuruzi, ibikorwa, cyangwa inyubako mu nzego z'akazi zavuzwe hano hasi zigomba kubahiriza ibisabwa byihariye ku bucuruzi bwabo, igikorwa cyangwa inyubako:
 - o Kazino
 - o Ubwubatsi
 - o Inzu z'imikino ngororamubiri no kunanura imitsi
 - o Serivisi zitangirwa mu ngo
 - o Inganda zikora ibikoresho
 - o Ahacururizwa n'ahatunganyirizwa inyama
 - o Ibiro
 - o Ubuwuzi bw'abarwayi bavurwa bataha
 - o Serivisi zo kwitabwaho byihariye
 - o Ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye
 - o Ubushakashatsi bwo mu masuzumiro
 - o Resitora n'Utubari
 - o Ubucuruzi bwo kudandaza
 - o Inzu z'imikino n'Imyidagaduro n'Ibindi



byakwifashishwa

- Amabwiriza agenewe abakozi
- Amabwiriza agenewe abakoresha